RDB | RWANDA DEVELOPMENT BOARD

# ITANGAZO

## Amabwiriza agenewe abasanzwe bakora n'abifuza kujya mu bikorwa by'imikino y'amahirwe

Hashingiwe ku Iteka rya **Minisitiri w'Intebe N° 028/03** ryo ku wa **28/06/2024** , ndetse na Politiki y'Igihugu y'Imikino y'Amahirwe ya 2024, Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB), nk'urwego rureberera urwego rw'imikino y'amahirwe, rwashyizeho amabwiriza agenewe abasanzwe bafite uruhushya rwo gukora ibyo bikorwa hamwe n'abashaka kubyinjiramo. Aya mabwiriza agamije guteza imbere imikorere inoze, iciye mu mucyo kandi igenzurwa neza, hagamijwe kurinda abaturage ingaruka mbi no kureshya ishoramari.

1. **Amakuru agezweho ku mpinduka ziteganyijwe mu mategeko agenga uru rwego.**

   Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu y'Imikino y'Amahirwe yashyizweho mu 2024, n'ihame ryayo ngenderwaho ryo kugabanya ingaruka mbi z'imikino y'amahirwe ku mibereho y'abaturage, RDB iri gukora isesengura ricukumbuye no kuvugurura amategeko n'amabwiriza agenga uru rwego. Intego ni ugushyiraho uburyo bugezweho kandi buboneye bwo gukina imikino y'amahirwe, bujyanye n'ubumenyi n'uburyo bunoze bwifashishwa n'ahandi, ndetse n'icyerekezo cy'iterambere ry'u Rwanda.

   Icyakora, mbere y'uko iryo tegeko rishya ritangira gukurikizwa, ibikorwa byose bizakomeza kugengwa n'amategeko n'amateka bikurikira:

   - **Itegeko n°58/2011** ryo ku wa **31/12/2011** rigenga imikino y'amahirwe mu Rwanda;
   - **Iteka rya Minisitiri n°01/013** ryo ku wa **20/06/2013** rigena uburyo bwo kubona uruhushya rw'ibikorwa by'imikino y'amahirwe n'amafaranga arutangwaho;
   - **Iteka rya Minisitiri n°001/MINICOM/2023** ryo ku wa **31/03/2023** ryerekeye amabwiriza ateganya ibihano bishobora guhabwa ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe.

2 **Gusubukura kwishyura uruhushya buri mwaka**

Abafite impushya zemewe bose kandi zigikora baramenyeshwa ko igikorwa cyo gukusanya amafaranga ya buri mwaka y'uruhushya cyasubukuwe, hakurikijwe **Iteka rya Minisitiri n°01/013** ryo ku wa **20/06/2013**. RDB izamenyesha ba nyir'ibikorwa by'imikino y'amahirwe amabwiriza arambuye yo kwishyura n'amataliki ntarengwa, hubahirizwa igihe cyagenwe. Kugira ngo imirimo ikomeze nta nkomyi, hategerejwe kubahiriza ibisabwa ku gihe.

3 **Gusubukura gutanga impushya n'itangizwa ry'ubusabe bushya**

RDB iramenyesha ko igiye gusubukura itangwa ry'impushya ku mikino y'amahirwe yo muri casino zikorera ahantu hagenwe (land-based casinos). Icyemezo gishingiye ku bikubiye muri Politiki y'Igihugu y'Imikino y'Amahirwe ya 2024, kandi kigamije gukurura ishoramari ryizewe kandi rirambye muri uru rwego. Ababyifuza basabwe kohereza ubusabe bwabo kuri email: **NLGC@rdb.rw** kugira ngo batangire inzira yo gusaba uruhushya. Ibisabwa n'amabwiriza y'ubusabe bizohererezwa ubisabye.

Ikindi, RDB yatangiye kwakira ubusabe (Expressions of Interest – EOI) ku byiciro bikurikira:

- **Gutega ku mikino** (**mu nyubako zemewe**)
- **Gutega ku mikino** (**kuri murandasi**)
- **Casino** (**kuri murandasi**)

Ubusabe bugomba koherezwa kuri **NLGC@rdb.rw** bitarenze itariki ya **30 Nzeri 2025**, harimo umutwe w'iyo email ugira uti: ***Expression of Interest*** – [Icyiciro]. Ubusabe bugomba kugaragaza muri make umwirondoro w'usaba, icyiciro cy'imikino y'amahirwe, n'ishoramari yifuza gukorera mu Rwanda. Abatoranyijwe bazamenyeshwa gahunda zikurikiyeho.

RDB izakorana n' abafatanyabikorwa bose hagamijwe gukurikirana iyubahirizwa ry'aya mabwiriza no kubaka urwego rw'imikino y'amahirwe rusobanukiwe inshingano kandi rutanga umusanzu ukwiye mu iterambere ry'u Rwanda.

Ku bindi bisobanuro cyangwa kohereza ubusabe, mutwandikire kuri: **NLGC@rdb.rw**